Misa yo gusabira Musenyeri Dominique NGIRABANYIGINYA

Kuri uyu wa gatandatu tariki ya 11 Gashyantare 2017, abantu bagera kuri 15 bavuka mu muryango wa ***Musenyeri Dominique NGIRABANYIGINYA*** baje kwifatanya n'abapadiri ndetse n'abanyeshuri bo mu Iseminari nto ya Nyundo, mu kwibuka no gusabira uwo mubyeyi umaze amezi 5 yitabye Imana. Twibuke ko Musenyeri Dominique yakoreye ubutumwa muri iyo Seminari mu gihe kingana n'imyaka 49.

Uwo muhango watangijwe n'Igitambo cya Missa cyayobowe na Musenyeri ***Jean Marie Vianey NSENGUMUREMYI***, igisonga cy'Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo. Hari kandi abapadiri bakorera ubutumwa mu Iseminari, padiri Gaspard KANZIRA (padiri mukuru wa Paroisse Cathedrale Nyundo), padiri Emmanuel BAMPORINEZA (umunyakigega wungirije wa Diyosezi Nyundo), na Padiri Evariste NDUWAYEZU ukorera ubutumwa muri Paroisse ya Busasamana.

Mu nyigisho Musenyeri yatanze mu Missa, yibanze ku gaciro ***Imana yaduhaye mu buzima***. Isomo ryo mu gitabo cy'Ubuhanga 3,1-9 ridusaba kurushaho kwizirika ku Mana yo soko y'ubuzima nyabuzima, kugira ngo ibigeragezo kimwe n'ibiterabwoba twumvise mu Ibaruwa Pawulo yandikiye Abanyaroma 8,31-39 bitaduhungabanya. Muri ukwo kwizirika ku Mana Yezu yabishimangiye mu Ivanjili uko yanditswe na Yohani 14,1-6 abwira uwemera wese kumwishingikiriza, akamukurikira kuko ariwe "Nzira, Ukuri n'Ubugingo".

Muri iyo nyigisho, Musenyeri yakomeje agira ati"twisunge imigambi ya Kristu, twibuka abagiye cyane cyane Musenyeri Dominique NGIRABANYIGINYA, kandi tunazirikana ko aho bagiye nta maganya, nta n'agahinda; tukaba twizera tudashidikanya ko tuzabasanga".

Mu buzima bwa Musenyeri Dominique NGIRABANYIGINYA, yaranzwe no gukunda ***umuziki,*** kwigisha no kugendera ***ku buzima bw'Abatagatifu, yibanda ku buryo ari abantu babayeho badatatira igihango bari bafitanye n'Imana, bigatuma bayitaba badahemutse***. Duhereye kuri ibyo bikorwa byamuranze ndetse n'ibindi, twizera ko ari kumwe n'Imana; tukaba natwe turi mu rugendo rwo kuzamusangayo.

Vital , Umwe mu baje bahagarariye umuryango wa Musenyeri Dominique,yavuze ijambo ryo gushimira Diyosezi ya Nyundo, ashimira n'Iseminari musenyeri yakoreyemo ubutumwa igihe kinini, by'umwihariko ashimira Musenyeri Dominique NGIRABANYIGINYA wabaye inyangamugayo n'intangarugero mu muryango. Icyo yibukira kuri Musenyeri kigaragaza uburyo yari umusaseridoti mwiza, ni indirimbo igira iti"***Nzarata ntaretsa impuhwe za Mwiza***".

Byatumye rero anatanga icyifuzo cy'uko umuryango wifuza gutunga ibihangano bya Musenyeri kugira ngo bajye barushaho kuzirikana inyigisho n'impanuro bikubiyemo.

Musenyeri Jean Marie Vianey NSENGUMUREMYI, mu izina ry'Umwepiskopi yashimiye umuryango wa Myr Dominique wose, anabwira abaje bawuhagarariye ko wo na Diyosezi ya Nyundo bagize umuryango umwe wahujwe na Myr Dominique. Yanashimiye Dancille wamwitagaho mu gihe cy'uburwayi bwe bwamaze igihe kitari gito.

Igitambo cya Missa gihumuje, habaye umutambagiro wo kujya kuvugira isengesho ahari imva y'uwo mubyeyi. Nyuma yaho abashyitsi bakirirwa mu rugo rw'Iseminari.

Musenyeri Dominique NGIRABANYIGINYA, tuzahora tukwibuka!

Padiri Straton NSHIMYUMUREMYI